## Ese kwemeza kamarampaka yo gushyiraho impapuro mpeshamwenda bizazamura imisoro?

**Oya.** Inama y'Ubugenzuzi y'Intara ya Henrico yagabanyije igipimo cy'umusoro ku mutungo ku masenti 2, kugeza ku masenti 85 ku madorari 100 y'agaciro kasuzumwe, ubwo yagenaga ingengo y'imari ya 2022-23. Ibiguzi bijyanye no gutanga impapuro mpeshamwenda ndetse n'imikoreresherezwe y'ibikoresho bishya bishobora guterwa inkunga n'umutungo intara yinjiza.

## Amakuru agenewe abatora bo muri Henrico

Gutora ku batarabashije gutorera igihe bizatangira ku wa Gatanu tariki 23 Nzeri ndetse bikomeze kugeza ku wa Gatandatu, tariki 5 Ugushyingo hari amahitamo yo kwitorera ku muntu wasibye amatora no kugarura ifishi y'itora yujujwe mu dusanduku tw'amatora dutekanye twashyizweho muri buri karere. Ahazabera amatora mu ntara hazafungura guhera saa kumi n'ebyiri za mu gitondo kugeza saa moya z'ijoro ku Munsi w'Amatora, ku wa Kabiri, tariki 8 Ugushyingo.




Ku yandi makuru ajyanye no gutora – harimo uburyo bwo kwiyandikisha cyangwa kuvugurura aderesi, uburyo bwo gusaba gutora udahari, aho udusanduku turi hamwe n'ibiro by'itora, igihe ntarengwa, n'ibindi – Reba Ibiro bya Henrico bishinzwe Kwiyandikisha no Gutora kuri *henrico.us/registrar* no kuri (804) 501-4347.

## Ibibazo?

*Ku yandi makuru kuri kamarampaka yo gushyiraho impapuro mpeshamwenda za 2022, harimo n'uburyo bwo gutegura inama ku itsinda ryawe, jya kuri henrico.us/bonds cyangwa usikane iyi code:*

**Intara Imwe.
Umuryango umwe.**

Intara ya Henrico ntabwo ivangura ishingiye ku bwoko, ibara, idini, igitsina, inkomoko y'igihugu, imyaka, cyangwa ubumuga.

*Byakozwe n'Abashinzwe Kwakira Abantu, 7/22.*

PRSRT STD U S
POSTAGE PAID
RICHMOND VA
PERMIT NO 1380

**Henrico County Public Relations
P.O. Box 90775
Henrico, VA 23273-0775**

# INTARA YA HENRICO

# 2022

# IMPAPURO MPESHAMWENDA GUTORA UMUSHINGA W'ITEGEKO RYO GUSHYIRAHO

★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★

*henrico.us/bonds*

★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★

**Umunsi w'Amatora: Ku wa Kabiri, tariki 8 Ugushyingo**

•

**Gutora ku Batarabashije Gutorera Igihe:
Ku wa Gatanu tariki 23 Nzeri kugeza ku wa Gatandatu tariki 5 Ukuboza**

# INTARA YA HENRICO

# 2022

# KAMARAMPAKA YO GUSHYIRAHO IMPAPURO MPESHAMWENDA

★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★ ★

Abatora mu Ntara ya Henrico bazagira amahirwe yo kwitabira kamarampaka yo gushyiraho impapuro mpeshamwenda kugira ngo bemeze miliyoni zirenga 511 z'amadolari yo gutera inkunga imishinga yateganyijwe n'intara — harimo amashuri mashya n'azavugururwa, inyubako zikorerwamo ibijyanye no kuzimya umuriro na pariki — nk'ibigize amatora rusange ya 2022.

Kamarampaka yo gushyiraho impapuro mpeshamwenda izaba ifite ibibazo bine ku ifishi y'itora, hamwe n'ibibazo bitandukanye kuri buri cyiciro cy'umushinga: amashuri; imyidagaduro na pariki, sinyubako zikorerwamo ibijyanye no kuzimya umuriro n'ibigo bishinzwe umutekano rusange; hamwe no kamura amazi yo mu bishanga. Abatora bashobora gutora "yego" cyangwa "oya" kuri buri kibazo uko ari bine; ibyiciro byihariye bishobora kwemerwa cyangwa kwangwa. Kwemeza icyiciro ku bwiganze bw'amajwi yatoye byemerera intara kwishyuza imyenda no gutanga impapuro mpeshamwenda zo gutera inkunga imishinga.

Hano hari ibibazo birebana na kamarampaka yo gushyiraho impapuro mpeshamwenda nkuko bizagaragara ku ifishi y'itora, hamwe n'imishinga yatekerejwe ndetse n'amadolari yo kuyitera inkunga (ibibazo byonyine ni byo bizagaragara ku ifishi y'itora). Gutora ku batarabashije gutorera igihe, harimo kwitorera, bizatangira ku wa Gatanu tariki 23 Nzeri. Umunsi w'Amatora ni ku wa Kabiri, tariki 8 Ugushyingo.

IAndi makuru aboneka kuri *henrico.us/bonds.*

## ★ Imishinga y'Amashuri

**miliyoni 340.5 z'amadolari**

**IKIBAZO KIRI KU IFISHI Y'ITORA:**

***Ese Intara ya Henrico, muri Virijiniya, yemerewe kwishyuza no gutanga impapuro mpeshamwenda zifite agaciro ka $ 340.500.000 nkuko biteganywa n'Itegeko rigenga Imari ya Leta ryo mu 1991 ryo gutera inkunga imishinga y'ishuri hamwe na Gahunda yo Guteza Imbere Imari Shingiro y'Ishuri ry'Intara ya Henrico, harimo guteza imbere amashuri, ibikoresho by'ishuri , kugura ibibanza by'ishuri byo mu gihe kizaza, kubaka amashuri, kuvugurura no guteza imbere amashuri bishobora gukenerwa mu burezi mu Ntara ya Henrico?***

**IMISHINGA:**

- Quioccasin Middle (kongera kuyubaka): miliyoni 89 z'amadolari
- Inyubako y'Uburezi bushingiye ku Buhinzi mu Isambu ya Wilton (nshyashya): miliyoni 13.3 z'amadolari
  *Icyitonderwa: Inkunga yo gukora igishushanyo mbonera iri mu ngengo y'imari ya 2022–23*
- Ishuri Ribanza rya Jackson Davis (kongera kubaka no kongera ubushobozi): miliyoni 36 z'amadolari
  *Icyitonderwa: Inkunga yo gukora igishushanyo mbonera iri mu ngengo y'imari ya 2022–23*
- R. Ishuri Ribanza rya C. Longan (kongera kubaka no kongera ubushobozi): miliyoni 37 z'amadolari
  *Icyitonderwa: Inkunga yo gukora igishushanyo mbonera iri mu ngengo y'imari ya 2022–23*
- Ishuri Ribanza rya Highland Springs (kongera kubaka): miliyoni 45 z'amadolari
- Ishuri Ribanza rya Charles M. Johnson (kuvugurura): miliyoni 26.5 z'amadolari
- Ishuri Ribanza ryo mu gace ka Fairfield (rishyashya): miliyoni 46 z'amadolari
- Ishuri Ribanza ryo mu gace ka West (rishyashya): miliyoni 47.7 z'amadolari


*Ishuri Ribanza rya Highland Springs*


*Pariki ya Deep Bottom*

## ★ Imishinga y'Aho Kwidagadurira & Pariki

**miliyoni 37 z'amadorali**

**IKIBAZO KIRI KU IFISHI Y'ITORA:**

***Ese Intara ya Henrico, muri Virijiniya, yemerewe kwishyuza no gutanga impapuro mpeshamwenda zifite agaciro ka $ 37.000.000 nkuko biteganywa n'Itegeko rigenga Imari ya Leta ryo mu 1991 ryo gutera inkunga imishinga y'ubwubatsi, kuvugurura, guhindura imiterere, gutanga ibikoresho by'aho kwidagadurira na pariki, kugura ubutaka bukenewe ngo hakorerwemo ibyo bikorwa, n'imishinga ikenewe yo kubaka imihanda n'utuyira tw'abanyamaguru?***

**IMISHINGA:**

- Pariki yo mu gace ka Three Chopt hamwe no guteza imbere umuhanda (nshya): miliyoni 25 z'amadorali
  *Icyitonderwa: Inkunga yo gukora igishushanyo mbonera iri mu ngengo y'imari ya 2022–23*
- Pariki ya Deep Bottom (kuyiteza imbere): miliyoni 7 z'amadorali
- Pariki ya Tuckahoe Creek (kuyongera): miliyoni 5 z'amadorali

## ★ Inyubako ikorerwamo ibijyanye no kuzimya Umuriro & Umutekano Rusange

**Imishinga y'Ibikorwaremezo miliyoni 83.85 z'amadorali**

**IKIBAZO KIRI KU IFISHI Y'ITORA:**

***Ese Intara ya Henrico, muri Virijiniya, yemerewe kwishyuza no gutanga impapuro mpeshamwenda zifite agaciro ka $ 83.850.000 nkuko biteganywa n'Itegeko rigenga Imari ya Leta ryo mu 1991 ryo gutera inkunga imishinga y'ubwubatsi, kuvugurura, guhindura imiterere, gutanga ibikoresho by'inyubako zikorerwamo ibijyanye no kuzimya umuriro z'umuriro n'ibindi bikorwa birebana n'umutekano rusange, no kugura ubutaka bukenewe ngo hakorerwemo ibyo bikorwa?***

**IMISHINGA:**

- Inyubako zikorerwamo ibijyanye no kuzimya umuriro 6 (guhindura aho ziri no kongera kuzubaka): miliyoni 13.3 z'amadorali
  *Icyitonderwa: Inkunga yo gukora igishushanyo mbonera ari mu ngengo y'imari ya 2022–23*
- Inyubako zikorerwamo ibijyanye no kuzimya umuriro 6 (guhindura aho ziri no kongera kuzubaka): miliyoni 16 z'amadorali
- Inyubako zikorerwamo ibijyanye no kuzimya umuriro 11 (kongera kubaka): miliyoni 15 z'amadorali
- Inyubako zikorerwamo ibijyanye no kuzimya umuriro 14, 15, 16, 17 (kuziteza imbere): miliyoni 6.55 z'amadorali
- Ikigo gishinzwe gutanga amahugurwa ku Mutekano Rusange (gishya): miliyoni 18 z'amadorali
- Ikigo cyakira amatungo (gishya): miliyoni 15 z'amadorali

## ★ Kurwanya Isuri & Imishinga y'Ibikorwa byo Gukamura amazi mu Bishanga

**miliyoni 50 z'amadorali**

**IKIBAZO KIRI KU IFISHI Y'ITORA:**

***Ese Intara ya Henrico, muri Virijiniya, yemerewe kwishyuza no gutanga impapuro mpeshamwenda zifite agaciro ka $ 50.000.000 nkuko biteganywa n'Itegeko rigenga Imari ya Leta ryo mu 1991 ryo gutera inkunga imishinga y'ubwubatsi, kuvugurura, guhindura imiterere, gutanga ibikoresho mu bikorwa byo kurwanya imyuzure no gukamura amazi mu bishanga, harimo kugura ubutaka bukenewe ngo hakorerwemo ibyo bikorwa, mu rwego kurwanya isuri, imyuzure, n'ibindi bibazo biterwa n'amazi atemba mu Ntara?***

**IMISHINGA:**

- Kuzana impinduka mu turere twose twabiherewe uburenganzira: miliyoni 50 z'amadorali


*Umuhanda wa Creighton*